

<p>ISOBANURAMPAMVU RY'UMUSHINGA W'ITEGEKO RISHYIRAHO AMAHORO KU BINTU BYATUMIJWE MU MAHANGA AGENEWE IBIKORWA BY'UMURYANGO WA AFURIKA YUNZE UBUMWE</p>	<p>EXPLANATORY NOTE OF THE DRAFT LAW ESTABLISHING THE LEVY ON IMPORTED GOODS FOR THE FINANCING OF AFRICAN UNION ACTIVITIES</p>	<p>EXPOSE DES MOTIFS DU PROJET DE LOI PORTANT INSTAURATION DE LA REDEVANCE SUR LES BIENS IMPORTES POUR LE FINANCEMENT DES ACTIVITES DE L'UNION AFRICAINE</p>
<p>I. <u>INTANGIRIRO</u></p> <p>Mu mwiherero w'Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma bigize Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, wabayeye ku wa 16 Nyakanga 2016 ubwo bigaga ku buryo haboneka amafaranga akoreshwa n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, Inteko y'abari mu nama yafashe icyemezo cyo gushyiraho no gushyira mu bikorwa amahoro angana na zeru n'ibice bibiri ku ijana (0.2%) azajya acibwa ku bintu byatumijwe mu mahanga. Ayo mahoro agenewe gutera inkunga ingana n'ijana ku ijana (100%) by'ingengo y'imari ikoreshwa n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe, 75% akoreshwa mu mirimo isanzwe y'Umuryango na 25% akoreshwa nk'ingengo y'imari y'ibikorwa byo kubungabunga amahoro n'umutekano. Aya mahoro agomba gutangirana n'umwaka wa 2017. Iki cyemezo gisaba kandi ko amafaranga yose akusanyijwe akomoka kuri ayo mahoro ahita yishyurwa n'ubuyobozi bw'igihugu bireba kuri konti yafunguriwe Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe muri Banki Nkuru ya buri gihugu kiri mu Muryango kugira ngo yoherezwe Umuryango wa Afurika Yunze</p>	<p>I. <u>INTRODUCTION</u></p> <p>Following the Retreat of African Union Heads of State and Government on the Financing of the African Union held on 16 July 2016, the Assembly adopted a decision to institute and implement a 0.2% levy on imported goods to finance 100% of the Operating budget, 75% of the Programme budget, and 25% of the Peace and Security Budget of the African Union, starting from 2017. The decision also calls for the amounts collected from the levy to be automatically paid by the national administration into an account opened for the African Union with the Central Banks of each member States for transmission to the African Union in accordance with each member state assessed contribution.</p>	<p>I. <u>INTRODUCTION</u></p> <p>A la suite à la retraite des Chefs d'Etat et de Gouvernement de l'Union Africaine sur le Financement de l'Union Africaine tenue le 16 juillet 2016, l'Assemblée a adopté la décision d'instituer et de mettre en œuvre une redevance de 0,2% sur les biens importés pour financer 100% du budget de fonctionnement, 75% du budget programme et 25% du budget paix et sécurité de l'Union Africaine à partir de 2017. La décision demande également à ce que les montants perçus de la redevance soient automatiquement payés par l'administration centrale dans un compte de l'Union Africaine ouvert auprès des banques centrales de chaque Etat membre pour transmission à l'Union Africaine conformément à la contribution statutaire de chaque Etat membre.</p>

<p>Ubumwe hakurikijwe umusanzu wemejwe kuri buri gihugu.</p> <p>Umubare ugereranyije w'amafaranga akomoka kuri ayo mahoro ushobora kugera kuri miliyari imwe na miliyoni magana abiri z'Amadolari y'Abanyamerika (1.200.000.000 USD) y'umusaruro w'ibihugu bigize Umuryango, mu gihe kandi umusanzu wabyo ukomeza kuba hafi ku rugero rumwe n'uwari usanzwe wemejwe.</p> <p>Umusanzu wemejwe ko ugomba kwishyurwa na Leta y'u Rwanda mu ngengo y'imari isanzwe y'Umuryango w'Ubumwe bw'Afurika guhera ku itariki ya 1 Mutarama 2017 ni 1.167.046 USD arimo 886.246 USD y'ingengo y'imari y'imirimo isanzwe na 280.800 USD agenewe Ikigega cyo kubungabunga amahoro.</p> <p>Amahoro ya 0.2% azajya acibwa ku bintu byatumijwe mu mahanga, uretse:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Ibintu byatumijwe mu mahanga bifite icyemezo kigaragaza ko byakorewe mu bihugu bigize Umuryango wa Afurika y'Iburasirazuba; - Ibikoresho fatizo byatumijwe mu mahanga byemerewe isubizwa ry'amahoro mu rwego rwa EAC; - Ibintu byatumijwe mu mahanga bisonewe amahoro mu Itegeko rigena imicungire ya za gasutamo 	<p>The levy is estimated to generate about USD 1.2 billion in revenues for member states while maintaining their contributions more or less at the same level of assessed contribution.</p> <p>The assessed contributions to be paid to the African Union Ordinary Budget by the Republic of Rwanda with effect from 1st January 2017 is USD 1,167,046 representing USD 886,246 for regular Budget and USD 280,800 for Peace Fund.</p> <p>The levy of 0.2% will apply on imported goods and will not concern:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Imports from EAC conform to the rules of origin; - Raw materials imported under EAC duty remission (including Made in Rwanda raw materials); - Exempted imports under East African Community Customs Management Act; 	<p>On estime que la redevance va générer environ 1,2 milliard de dollars de recettes pour les États membres tout en maintenant leurs contributions à peu près au même niveau de contribution statutaire.</p> <p>Les contributions à verser au budget ordinaire de l'Union Africaine par la République du Rwanda à compter du 1er janvier 2017 s'élèvent à 1.167.046 de dollars Américains, comprenant 886.246 USD pour le budget ordinaire et 280 800 USD pour le Fonds pour la paix.</p> <p>La redevance de 0,2% s'appliquera aux produits importés et ne s'applique pas aux:</p> <ul style="list-style-type: none"> - Importations de l'EAC conformes aux règles d'origine; - Matières premières importées en vertu de la remise de droits de l'EAC (y compris les matières premières fabriquées au Rwanda); - Importations exonérées en vertu de la Loi portant gestion douanière au sein de la Communauté Est-Africaine ;
--	---	--

<p>ry'Umuryango w'Ibihugu bya Afurika y'Iburasirazuba;</p> <p>- Ibintu birebwa n'igipimo cya zero, birimo inyongeramusaruro, imbuto z'indobanure, imashini n'ibikoresho by'inganda, ibikoresho by'ubuvuzi, imiti n'</p> <p>- ibintu byasabiwe kuvanirwaho amahoro byatangajwe mu Igazeti ya EAC.</p> <p>II. <u>Amahoro ateganyijwe gukusanywa</u></p> <p>Umusaruro ushobora kuboneka mu ikusanya ry'amahoro ugereranywa na miliyari imwe n'igice y'amafaranga y'u Rwanda (1.500.000.000 Frw).</p> <p>III. <u>Ingingo z'ingenzi z'iri tegeko</u></p> <p>Uyu mushinga ugizwe n'ingingo 6;</p> <p>Ingingo ya mbere ivuga icyo itegeko rigamije;</p> <p>Ingingo ya 2 ivuga ibirebwa n'iri tegeko;</p> <p>Ingingo ya 3 iteganya amahoro angana na zero n'ibice bibiri ku ijana (0,2%) yakwa ku gaciro ka gasutamo ku bintu byose byatumijwe mu mahanga;</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Sensitive products under Zero tariff; e.g. fertilizers, seeds, industrial machinery and equipment (Capital goods), medical equipment, Medicine and pharmaceutical products etc. - Products under Stay of applications gazetted by EAC. <p>II. <u>Estimated revenue collection</u></p> <p>Potential revenue collection is estimated at FRW 1.5 billion annually.</p> <p>III. <u>Content of the draft law</u></p> <p>The draft law contains 6 Articles;</p> <p>Article one concerns the purpose of this Law;</p> <p>Article 2 provides the scope of application of this Law;</p> <p>Article 3 provides a levy of zero point two percent (0.2%) on the customs value of imported goods;</p>	<ul style="list-style-type: none"> - Produits sensibles sous tarif zéro; par exemple. engrais, semences, machines et équipements industriels (biens d'équipement), équipements médicaux, médicaments et produits pharmaceutiques, etc. - Produits en cours de demande publiés dans le Journal Officiel de l'EAC. <p>II. <u>Estimation des recettes à percevoir</u></p> <p>La collecte potentielle de recettes est estimée à 1,5 milliard de FRW par an.</p> <p>III. <u>Contenu du projet de loi</u></p> <p>Le projet de loi comprend 6 articles;</p> <p>L'article premier porte sur l'objet de la loi;</p> <p>L'article 2 porte sur le champ d'application de la loi;</p> <p>L'article 3 prévoit une redevance de zéro point deux pour cent (0.2 %) perçue sur la valeur douanière des biens importés;</p>
---	--	---

<p>Ingingo ya 4 iteganya ko amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga atangirwa kuri gasutamo hakurikijwe itegeko rya gasutamo;</p> <p>Ingingo ya 5 iteganya ko amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga abikwa kuri konti iyagenewe iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda;</p> <p>Ingingo ya 6 ivuga itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'itegeko;</p> <p>Ingingo ya 7 ivanaho ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko;</p> <p>Ingingo ya 8 iteganya igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</p>	<p>Article 4 provides that the levy on goods imported shall be collected at the customs point in accordance with the customs legislation;</p> <p>Article 5 provides that the levy collected on goods imported shall be deposited into a related account opened at the National Bank of Rwanda;</p> <p>Article 6 deals with the drafting, consideration and adoption of the Law;</p> <p>Article 7 deals with repealing provision;</p> <p>Article 8 deals with the entry into force of the Law.</p>	<p>L'article 4 dispose que la redevance sur les biens importés est perçue au poste de douane, conformément à la législation douanière;</p> <p>Article 5 prévoit que la redevance collectée sur les biens importés est versée sur un compte y relatif ouvert à la Banque Nationale du Rwanda;</p> <p>L'article 6 porte sur l'initiation, l'examen et l'adoption de la loi;</p> <p>L'article 7 porte sur la disposition abrogatoire;</p> <p>L'article 8 porte sur l'entrée en vigueur de la loi.</p>
--	--	---

<p>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RISHYIRAHO AMAHORO KU BICURUZWA BYATUMIJWE MU MAHANGA AGENEWE IBIKORWA BY'UMURYANGO W'UBUMWE BW'IBIHUGU BY'AFURIKA</p>	<p>DRAFT LAW N° OF ESTABLISHING THE LEVY ON IMPORTED GOODS FOR THE FINANCING OF AFRICAN UNION ACTIVITIES</p>	<p>PROJET DE LOI N° DU PORTANT INSTAURATION DE LA REDEVANCE SUR LES BIENS IMPORTES POUR LE FINANCEMENT DES ACTIVITES DE L'UNION AFRICAINE</p>
<p>ISHAKIRO</p>	<p>TABLE OF CONTENTS</p>	<p>TABLE DES MATIERES</p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri tegeko rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Law</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet de la présente loi</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'iri tegeko</p>	<p><u>Article 2:</u> Scope of application of this Law</p>	<p><u>Article 2:</u> Champ d'application de la présente loi</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Igipimo n'ishingiro by'amahoro yakwa ku bintu byatumijwe mu mahanga</p>	<p><u>Article 3:</u> Rate and base of the levy on imported goods</p>	<p><u>Article 3:</u> Taux et base de la redevance sur les biens importés</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Aho amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga atangirwa</p>	<p><u>Article 4:</u> Place of collection of the levy on imported goods</p>	<p><u>Article 4:</u> Lieu de collecte de la redevance sur les biens importés</p>
<p><u>Ingingo 5:</u> Konti ibikwaho amahoro yakwa ku bintu byatumijwe mu mahanga</p>	<p><u>Article 5:</u> Account on which the levy on imported goods is deposited</p>	<p><u>Article 5:</u> Compte sur lequel la redevance sur les biens importés est versée</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p>	<p><u>Article 6:</u> Drafting, consideration and adoption of this Law</p>	<p><u>Article 6:</u> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p>
	<p><u>Article 7:</u> Repealing provision</p>	<p><u>Article 7:</u> Disposition abrogatoire</p>

Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Ingingo ya 8: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 8: Commencement

Article 8: Entrée en vigueur

**DRAFT LAW N° OF
..... ESTABLISHING THE
LEVY ON IMPORTED GOODS FOR**

**PROJET DE LOI N° DU
..... PORTANT INSTAURATION
DE LA REDEVANCE SUR LES BIENS**

<p>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° RYO KU WA RISHYIRAHO AMAHORO KU BICURUZWA BYATUMIJWE MU MAHANGA AGENEWE IBIKORWA BY'UMURYANGO W'UBUMWE BW'IBIHUGU BY'AFURIKA</p> <p>Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repbulika;</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBLIKA Y'U RWANDA</p> <p>INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:</p> <p>Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa.....;</p> <p>Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repbulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120, iya 122, iya 164 n'iya 176;</p> <p>YEMEJE:</p>	<p>THE FINANCING OF AFRICAN UNION ACTIVITIES</p> <p>We, KAGAME Paul, President of the Republic;</p> <p>THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA</p> <p>THE PARLIAMENT:</p> <p>The Chamber of Deputies, in its session of.....;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122, 165 and 176;</p> <p>ADOPTS:</p> <p><u>Article One:</u> Purpose of this Law</p>	<p>IMPORTES POUR LE FINANCEMENT DES ACTIVITES DE L'UNION AFRICAINE</p> <p>Nous, KAGAME Paul, Président de la République;</p> <p>LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA</p> <p>LE PARLEMENT:</p> <p>La Chambre des Députés, en sa séance du.....;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120, 122, 164 et 176;</p> <p>ADOPTE:</p> <p><u>Article premier:</u> Objet de la présente loi</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri tegeko rigamije</p> <p>Iri tegeko rishyiraho amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga agenewe ibikorwa by'Umuryango w'Ubumwe bw'Ibihugu by'Afurika.</p> <p><u>Ingingo ya 2:</u> Ibirebwa n'iri tegeko</p> <p>Iri tegeko rireba ibintu byose byatumijwe mu mahanga, ukuyemo ibisonewe n'Itegeko n° 34/2015 ryo ku wa 30/06/2015 rishyiraho amahoro agenewe iterambere ry'ibikorwaremezo yakwa ku bicuruzwa byatumijwe mu mahanga.</p> <p><u>Ingingo ya 3:</u> Iyipimo n'ishingiro by'amahoro yakwa ku bintu byatumijwe mu mahanga</p> <p>Ibintu byose byatumijwe mu mahanga byishyurirwa amahoro angana na zeru n'ibice bibiri ku ijana (0,2%) yakwa ku gaciro kabyo ka gasutamo.</p> <p><u>Ingingo ya 4:</u> Aho amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga atangirwa</p> <p>Amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga atangirwa kuri gasutamo hakurikijwe itegeko rya gasutamo.</p>	<p>This Law establishes a levy on imported goods for the financing of African Union activities.</p> <p><u>Article 2:</u> Scope of application of this Law</p> <p>This Law applies to all imported goods except those exempted under the Law n° 34/2015 of 30/06/2015 establishing the infrastructure development levy on imported goods.</p> <p><u>Article 3:</u> Rate and base of the levy on imported goods</p> <p>All imported goods are subject to a levy of zero point two percent (0.2%) to be levied on the customs value of imported goods.</p> <p><u>Article 4:</u> Place of collection of the levy on imported goods</p> <p>The levy on goods imported is collected at the customs point in accordance with the customs legislation.</p> <p><u>Article 5:</u> Account on which the levy on imported goods is deposited</p>	<p>La présente loi instaure une redevance sur les biens importés pour le financement des activités de l'Union Africaine.</p> <p><u>Article 2:</u> Champ d'application de la présente loi</p> <p>La présente loi s'applique à tous les biens importés à l'exception de ceux exonérés en vertu de Loi n° 34/2015 du 30/06/2015 portant instauration de la redevance pour le développement des infrastructures perçue sur les biens importés.</p> <p><u>Article 3:</u> Taux et base de la redevance sur les biens importés</p> <p>Tous les biens importés sont soumis à une redevance de zéro point deux pour cent (0,2 %) perçue sur la valeur douanière des biens importés.</p> <p><u>Article 4:</u> Lieu de collecte de la redevance sur les biens importés</p> <p>La redevance sur les biens importés est perçue au poste de douane conformément à la législation douanière.</p> <p><u>Article 5:</u> Compte sur lequel la redevance sur les biens importés est versée</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo 5: Konti ibikwaho amahoro yakwa ku bintu byatumijwe mu mahanga</u></p> <p>Amahoro ku bintu byatumijwe mu mahanga abikwa kuri konti iyagenewe iri muri Banki Nkuru y'u Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</u></p> <p>Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko</u></p> <p>Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa</u></p> <p>Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p> <p>Kigali, ku wa</p>	<p>The levy collected on goods imported is deposited into a related account opened at the National Bank of Rwanda.</p> <p><u>Article 6: Drafting, consideration and adoption of this Law</u></p> <p>This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 7: Repealing provision</u></p> <p>All prior legal provisions contrary to this Law are repealed.</p> <p><u>Article 8: Commencement</u></p> <p>This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p> <p>Kigali, on</p>	<p>La redevance collectée sur les biens importés est versée sur un compte y relatif ouvert à la Banque Nationale du Rwanda.</p> <p><u>Article 6: Initiation, examen et adoption de la présente loi</u></p> <p>La présente loi a été initiée en Anglais, examinée et adoptée en Kinyarwanda.</p> <p><u>Article 7: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.</p> <p><u>Article 8: Entrée en vigueur</u></p> <p>La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p> <p>Kigali, le</p> <p>KAGAME Paul</p>
--	---	---

KAGAME Paul Perezida wa Repubulika	KAGAME Paul President of the Republic	Président de la République
MUREKEZI Anastase Minisitiri w'Intebe	MUREKEZI Anastase Prime Minister	MUREKEZI Anastase Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: BUSINGYE Johnston Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta	Seen and sealed with the Seal of the Republic: BUSINGYE Johnston Minister of Justice/Attorney General	Vu et scellé du Sceau de la République: BUSINGYE Johnston Ministre de la Justice/Garde des Sceaux